



URUKIKO RWISUMBUYE
RWA RUSIZI

ICYEMEZO N° 0008/2022/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri, umunsi wa 5 w'ukwezi kw'Ukwakira ;

Twebwe **MUSABYIMANA Valens**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko uwitwa, **KANEZA Patrice** mwene RWARAHOZE Aphrodis na UZAMUKUNDA Christine, wavutse mu mwaka wa, ubarizwa mu Mudugudu wa Nyanza , Akagari ka Nyarusange, Umurenge wa Bushekeri, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'Iburengerazuba, muri Repubulika y'u Rwanda, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera;

Tumaze kubona ko ikirego cy'ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko kigahabwa n° RP 00454/2021/TGI/RSZ, ubushinjacyaha bukurikiranyeho **KANEZA Patrice**, icyaha cyo gukubita no gukomeretsa uwo bashyingiranywe hamwe n'icyaha cyo kumuhoza ku nkeke, hamwe n'icyaha cyo gukoresha ibikangisho bigamije kugiriranabi umugore we ; ibyaha biteganywa kandi bigahanishwa ingingo za 121, al. 1-2 na 128 na 147 z'itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 n'ya 162 z'itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganywa uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko **KANEZA Patrice** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **08/11/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

MUSABYIMANA Valens
UMUCAMANZA

Digitally signed
by TGI
RUSIZI(Vice
president)
Date: 2022.10.05
09:24:09 +02'00'



MUKARUGWIZA Judith

UMWANDITSI